

# IGURUDUMU YANGE



Umwanditsi Murisa Jean Maurice Uwashushanyije : Sengabo Callixte

**©2021 Imanzi Press**

Uburenganzira bw'umuhanzi bugomba kubahirizwa nta gice k'iki gitabo kigomba gutuburwa, kubika cyangwa guhererekanywaku buryo ubwo ari bwobwose nta ruhushya rwanditse rw'abacyanditse.



Kikinabagenzibe baraturanye, iyobagiyekwigabagendabacunga amagurudumu. Baturuka murugo biruka cyane basiganwa usize abandi akitwa umugabo.



Umunsi umwe Kiki na bagenzi be bafashe amagurudumu yabo berekeza ku ishuri nkuko bisanzwe, bariruka cyane basiganwa maze kiki yikubita hasi, igurudumu ye yitura mu kidendenzi cy'amazi.



Bagenzi be bacyebutse babona Kiki yituye hasi, baravuga bati: “yoo! Kiki yituye hasi, dusubire inyuma tuge kureba uko byamugendekeye.” Bamugezeho basanga yasenutse ku mavi baramwegura.”



Mugihe barimo bayishaka muri ako kanya hanyura umugabo utwaye imodoka, arahagarara arabasuhuza, arababaza ati: “Mwa bana mwe murakora iki muri ayo mazi mabi?” Nti muzi ko gukandagira mu mazi mabi cyangwa mu byondo byabaviramo kurwara inzoka zandurira mu mazi mabi zikinjirira mu muntu zinyuze mu birenge.”



Baramusubiza bati: “Twari tugiye kwiga, none uyu mugenzi wacu yikubise hasi igurudumu ye yitura mu mazi. Mugihe bakiri kumusobanurira kiki ahita avugira hejuru ati: “oyee!” Ndayibonye. Nuko bose barishima.




Uwo mugabo yitegereje neza abona, Kiki ari kuva amaraso ku ivi, nuko yinjira mu modoka azana umuti aramuvura. Arangije kuvura Kiki yatangiye kubigisha ibijyanye n'isuku.






Yabashyize mu modoka agenda abaganiriza, abagejeje hafi y'ishuri bavamo, arababwira ati: “Ni mugende mwigie cyane mugire isuku, ngiye kubashakira amagare muzajya mugendaho mugiyeye kwiga. Nitwongera guhura nkabona mwarahindutse nzahita nyabazanira, ikindi kandi mugomba kujya mwigisha na bagenzi banyu kugira isuku. Nuko bamusezeraho.



Bagiye bishimye cyane, biyemeza ko bagiye gukora uko bashoboye bakazatsindira ariya magare. Ubuzima bwabo bwatangiye guhinduka, nuko baza no kwigira inama yo kujya gusaba umuyobozi w'ikigo cyabo ko yabafasha gushyiraho itsinda rishinzwe isuku mu kigo.



Umukuru w'ishuri biramushimisha cyane ku gitekerezo kiza cya Kiki na bagenzi be, barabafasha bashyiraho itsinda, hanyuma Kiki aba umukuru waryo, bagenzi be baramwungiriza. Ubuzima mu kigo bwatangiye guhinduka, kandagira ukarabe zishyirwa ku bwihereho no ku mashuri, ikigo giterwaho ubusitani, ikigo gihinduka intangarugero mu karere kose.



Haje kuba amarushanwa y'isuku y'ibigo by'amashuri abanza mu karere. Kiki na bagenzi be babyumvise baravuaga bati: "Nta kabuza aya marushanwa tugomba kuyatsinda." Batangira gutegura umushinga wabo neza.



Igihe cy'amarushanwa kigeze Kiki na bagenzi be batangira gusobanura umushinga wabo neza. Bishimisha uwari urahowese. Igihe cyo gutangaza amanota kigeze itsinda rya Kiki ryabaye irya mbere, babaha ibihembo bitandukanye, barishima cyane.



Inkuruyajekubakimomoigerakuriwamugabowariwarabemereye amagare, abyumvise biramushimisha cyane aragenda agura ya magare yari yarabemereye ayabazinira ku ishuri. Wari umunsi mwiza kuri Kiki na bagenzi be. Abaha amagare, abashimira ko bakurikije inama yabahaye.



Kiki na bagenzi be ntibongeye gukererwa, ku ishuri, byatumye bakomeza kwitwara neza ku ishuri.

